784

K0143198

IDENTIFICATION :Ja / 784
19/ 1/ 94

DURÉE : 90 Min

TRANSMISSION :Radio-Rwanda

NOM DU TRANSCRIPTEUR :UWIMANA Rosine

DATE DE TRANSMISSION :Le 25/10/99

NOM DU FICHIER :Ja / 784

DICTAPHONE :S/ N° 516567

FACE A

ORATEUR :

..... yatubwiye yuko yatujyana umwaka utaha. Imbere y'iyo taliki ya mbere rero z'ukwezi kwa kane byari biteganijwe ko iyo nyandiko bayishyikiriza inama y'ubuyobozi bwabo yaba yateguwe ikarangira ku itariki ya mbere z'ukwezi kwa gatatu. Ariko kugira ngo itegurwe burundu ni uko ku itariki ya cumi na gatanu z'ukwezi kwa kabiri baba bakoranije ibihugu, bimwe mu bihuzamahanga byari bisanzwe bifasha u Rwanda kugira ngo buri wese avuge icyo azafashaho u Rwanda. Na none rero ni uko izo ntumwa zagombaga kuza ku itariki ya cumi na gatanu z'ukwezi kwa mbere zari kuba zarangije imirimo yazo ku itariki ya mirongo itatu n'imwe z'ukwezi kwa mbere kugira ngo zishobore guteranya iyo nama itariki ya cumi na gatanu z'ukwa kabiri. Umuti nyawo ni uko vuba na bwangu hajyaho izo nzego kugira ngo igihugu cyongere kugira ubutegetsi

bushingiye ku mategeko. Koko ubutegetsi bushobora gufata ibyemezo byo kuzahura ubukungu, ubutegetsi bushobora kongera kugirirana imishyikirano n'izo nzego mpuzamahanga. Kuko n'ubwabo barivugira bati tuzabivugana na nde, gahunda tuzemeza, igihe (inaudible) tuzayishyirira mu bikorwa cyane cyane ko abo twagombye kuvugana batariho.

ORATEUR :Journaliste de Radio Rwanda non identifié.

Ministre RUGENERA yahumurije abakozi avuga ko uko biri kose Leta izagerageza uko ushoboye nibura bagahembwa uku kwezi n'ubwo ikibazo cy'ubukungu bw'u Rwanda kitareba abakozi gusa anasobanura zimwe mu mpamvu zatumye imishahara y'uku kwezi gushize itinda cyane cyane nk'iyo abarimu. Ministre yavuze ko byatewe n'imisoro n'amahoro amwe n'amwe atubutse yatinze kuboneka ndetse n'andi mafaranga menshi Leta yasohoye mu buryo butari bwarateganijwe. Mu gusubiza ikibazo cy'abakozi b' isandugu y'ukuziganya y'u Rwanda abanyamakuru bari bamubajije amaherezo yaco yavuze ko Minisiteri ye ntako itagize ndetse na Leta muri rusange, ahubwo ko hari aho abo bakozi bihemukiye kuko bari kuzabonerwa ibisubizo bikwiye kandi ntacyangiritse. Icyakora ngo icyo kibazo kiracyakomezwa gusuzumwa.

(Musique indicatif des journaux en Kinyarwanda et en Français).

ORATEUR : Journaliste

Bonsoir à tous et bienvenue à l'écoute de ce bulletin matinal et tout d'abord les titres:
-Conférence de presse des partis MDR, PL, PDC et PSD. Au menu la crise qui retarde la mise en place des instat... des institutions de transition à base élargie. Le bureau politique du parti MDR s'étend lui aussi sur le sujet. Le directoire du parti affirme que ce retard ne peut être imputé au MDR.
L'avenir de l'opération internationale en Somalie fût le...

(Musique indicatif)

Les partis politiques MDR, PL, PSD et PDC ont tenu une conférence de presse hier à l'Hôtel Méridien UMUBANO. Cette conférence s'est articulée autour du discours du Chef de l'état prononcé le quinze janvier dernier. Elle devait suggérer aussi ce qu'il faut faire pour mieux préparer les cérémonies de prestation de serment des Députés et des membres du Gouvernement de transition à base élargie. Dans un communiqué de presse, les partis se réjouissent de la décision prise par le Président de la République de fixer la date précise de prestation de serment des Députés et des ministres. Mais il souhaite que le protocole de ces cérémonies soit fixé de commun accord entre le Gouvernement et le FPR et l'annonce au Représentant spécial du Secrétaire général de l'ONU pour le Rwanda. Le reste du communiqué nous est livré par Landouald NDASINGWA premier Vice-Président du parti Libéral.

ORATEUR :NDASINGWA Landouald

Les partis politiques MDR, PSD, PDCet PL rappellent que le programme des cérémonies de prestation de serment doit être convenu entre le Gouvernement rwandais et le Front patriotique rwandais et porté à la connaissance de la MINUAR à toutes fins utiles.
Le Président de la République quant à lui n'intervient pas dans ces cérémonies et il intervient seulement qu'à titre symbolique et ce conformément aux dispositions pertinentes de l'accord de paix.
Les partis politiques MDR, PSD, PDC et PL demandent encore une fois au Président de la République de ne plus s'immiscer dans le choix des Ministres du Gouvernement de transition à base élargie. En effet cette prérogative est dévolue au Premier Ministre désigné et ce conformément aux articles dix-huit alinéa deux et cinquante deux du protocole sur le partage du pouvoir. Il est donc clair que le Président de la République n'a pas le pouvoir ni d'agréer, ni de refuser les Ministres que le Premier Ministre lui présente pour nomination, après les avoir choisis en concertation avec chaque force concérnée.

S'agissant de la mise en place de l'assemblée nationale de transition, les partis politiques MDR, PSD, PDC et PL demandent fermement au Président de la République de respecter scrupuleusement le principe qu'il a énoncé lui même dans son message du quinze janvier dix neuf cent quatre-vingt quatorze. Et nous le citons:
L'accord de paix ne prévoit aucune personnalité ou instance qui puisse retirer aux forces politiques les prérogatives leur dévolues par le même accord. Fin de citation.
Les partis politiques MDR, PSD, PDC et PL espèrent que cette fois-ci le Président de la République va respecter le programme de la mise en place des institutions de la transition restantes. Le Gouvernement rwandais et le FPR en tant que parties à l'accord de paix doivent établir ce programme si le Président de la République refuse encore une fois de respecter le programme convenu entre les deux parties à l'accord de paix, le Président de la cour constitutionnelle devra le remplacer conformément aux dispositions de l'article sept alinéa cinq du protocole sur les questions diverses et dispositions finales signées à Arusha le trois août dix neuf cent quatre-vingt treize. Il ne s'agira donc pas de coup d'état comme le parti MRND ne cesse de le crier, mais bel et bien d'un acte légalement posé par le Président de la cour constitutionnelle en vertu des dispositions de la loi fondamentale. Les partis politiques MDR, PSD, PDC et PL rappellent au Président de la République que depuis sa prestation de serment en date du cinq janvier dix neuf cent quatre-vingt quatorze, il doit respecter les dispositions des articles quatre et douze du protocole sur le partage du pouvoir qui prévoit, qu'il n'a plus la capacité de prendre des décisions en dehors du Gouvernement de transition à base élargie et que le contenue des messages qu'il adresse à la nation doit préalablement être arrêté par le conseil des Ministres.

ORATEUR :Journaliste

Au chapitre des questions il a été demandé à Landual NDASINGWA pourquoi il continue de signer en qualité de premier vice-Président du PL, l'interessé a déclaré appartenir au comité exécutif provisoire de son parti conformement à l'article soixante-cinq de ses statuts. De ce fait il

a précisé que le comitté dirigé par Charles KAYIRANGA ne peut plus se pré.... se prévaloir représenter le parti PL jusqu'à ce que la liste de nouveaux représentants du parti libéral soit publié dans le journal officiel de la République Rwandaise.

Le bureau politique du MDR a tenu une réunion extraordinaire hier pour passer en revue la situation politique du pays particulièrement le retard accusé dans la mise en place des institutions de transition à base élargie. Après examens approfondis le bureau politique réaffirme sa ferme volonté de participer activement aux institutions de transition dans le respect et strict des accords de paix d'Arusha. Le bureau politique du MDR affirme à cet égard que le retard dans la mise en place des institutions de transition à base élargie ne peut pas être imputé au MDR car en ce qui le concerne le bureau politique de ce parti a fait tout ce que il avait à faire en transmettant au Président de la République la liste des députés du MDR et au Premier Ministre désigné, la liste des ministres du MDR. Le bureau politique du MDR regrettant (inaudible) ni la liste des députés, ni sa liste des Ministres n'a été prises en considération et cela sans aucun motif valable à reconfirmé les deux listes et a décidé de les retransmettre à leur destinataire. Le bureau politique du MDR soucieux de faire sortir le pays de l'impasse politique actuel a décidé d'engager les Pourparlers avec les signataires de l'accord de paix d'Arusha et les partis politiques pour traiter ensemble de la réponse appropriée à donner aux multiples problèmes qui retardent la mise en place des institutions de la transition. Telles sont quelques unes des décisions prises par le bureau politique du MDR et qui figurent également dans un communiqué de presse dont la lecture a été immédiatement suivie par les questions des journalistes. Ceux-ci ont voulu hum... ont voulu savoir si le quorum des membres du bureau politique était atteint lors de cette réunion, la réponse était que le quorum était atteint puisque vingt neuf des quarante quatre membres du bureau politique y ont... ont participé.

Notons que le quorum est de vingt sept personnes. Les journalistes ont voulu savoir si le congrès national du MDR pourra se réunir ce mois ci comme prévu. La réponse est que ce congrès se réunira prochainement à une date qui sera fixée par le bureau politique. D'autres questions concernaient la nature des rapports que le MDR entretiendrait en ce moment avec les forces politiques du pays. A ce propos le MDR continuera à réaffirmer son indépendance et à nouer le

dialogue avec d'autres forces politiques éprises de paix et de démocratie. Cette conférence de presse était animée par les membres du comitté directeur du parti MDR à savoir le docteur Dismas NSENGIYAREMYE premier Vice-Président , Froduald KARAMIRA deuxième vice Président et le docteur Donat MUREGO, Secrétaire exécutif.

A titre de rappel, au sujet de l'actualité nationale toujours....(Indicatifs du Journal enKinyarwanda)

ORATEUR:

..... na Amabirisi SIBOMANA Majoro arabanza kutubwira ingingo z'ingenzi z'ayo makuru.

ORATEUR: SIBOMANA Amabirisi

Bureau politique y'ishyaka MDR iravuga ko atari yo ishinzwe ishyirwaho ry'inzego zisigaye z'Inzibacyuho yaguyeko ko yo yakoze ibyo yagombaga gukora.

Ubukungu bwifashe nabi mu gihugu cyacyu, mu ngengo y'imari harimo igihombo cya miliyari mirongo itanu n'ebyiri z'amafaranga y'Amarwanda. Ibyo biremezwa na Ministre wimari RUGENERA Mariko.

Michel MUSAYI intumwa y'Umuyobozi Mukuru w'Ishirahamwe ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Mpunzi ategerejwe I Kigali ejo akazakurikiranira hafi ikibazo cy'impunzi z'Abarundi n'icyo itahuka ry'impunzi z'Abanyarwanda.

Abazungu batsimbaraye ku...

(Musique indicative)

ORATEUR :

Tubagezeho noneho ayo makuru ku buryo burambuye, ejo ku wa kabiri Bureau politique y'ishyaka MDR yarateranye, yateraniye mu nama idasanzwe aho iryo shyaka rikorera i Kigali. Iyo nama rasuzumye ibibazo bya politique bijyana no gutinda kw'ishyirwaho ry'Inzego

z'ubutegetsi bw'Inzibacyuho yaguye. Bimwe mu byemezo byafashwe na Bureau politique y'ishyaka MDR , turabigezwaho n'umunyabanga mukuru w'iryo shyaka Docteur MUREGO Donate.

ORATEUR : MUREGO Donate

MDR yongeye kwemeza ko izajya mu N zego z'Inzibacyuho hakurikijwe ibiteganwa n'amasezerano y'amahoro ya Arusha.
Bureau politique ya MDR yongeye kwemeza ko nta ruhare ishyaka MDR rifite mu gutinza ishyirwaho ry'inzego ry'Inzibacyuho yaguye kuko yakoze ibyo yasabwaga byose yohereza Perezida wa Repubulika liste y'Abadepite bayo ikaba kandi yarashyikirije Ministre w'intebe y'Inzibacyuho yaguye, liste y'Abaministre ishyaka MDR rigenerwa n'ayo masezerano. Bureau politique y'ishyaka MDR yababajwe n'uko ari liste y'Abadepite, ari liste y'Abaministres yanzwe nta mpamvu zitanzwe, ikaba yongeye kuyemeza no kuyishyikiriza abo bigenewe. Bureau politique ya MDR yiyemeje kugirana imishyikirano itaziguye n'abashyize umukono ku masezerano y'amahoro ya Arusha, n'amashyaka ya politiki kugira ngo barebere hamwe kandi mu buryo bwubakwa umuti watangwa kugira ngo inzitizi zitinza ishyirwaho ry'Inzego z'Inzibacyuho zibonerwe umuti.

ORATEUR :Journaliste.

Mu bibazo byabajijwe abanyamakuru bifuje kumenya niba muri iyo nama hari umubare wa ngombwa w'abagize Bureau politique kugira ngo inama iterane. Igisubizo cyatanzwe ni uko uwo mubare wari wuzuye, uwo ku bantu mirongo ine na bane bagize Bureau politique ya MDR iyo nama yari irimo abantu makumyabiri n'icyenda kandi ubundi umubare wa ngombwa ari makumyabiri na barindwi. Abanyamakuru bifuje kandi kumenya niba Congrès ya MDR mu rwego rw'igihugu izaterana muri uku kwezi nk'uko byavurwaga, basubizwa ko iyo congrès ya MDR izabaho mu gihe kiri imbere, itariki ikazagenwa izaberaho ikazagenwa na Bureau politique

y'ishyaka. Habajijwe n'ibindi bibazo ku mibanire ya MDR n'andi mashyaka ari mu gihugu. Vice Président wa mbere w'ishyaka MDR Docteur NSENGIYAREMYE Dismas yongeye kwemeza ko MDR it azihoma kw'ishyaka iri n'iri ko ubwigenge bw'ishyaka ari bwo bukuru kandi ko ishyaka MDR rizabana n'abaharanira amahoro na démocratie. Twabamenyesha ko icyo kiganiro n'abanyamakuru cyatanzwe n'abagize comité Directeur y'ishyaka MDR ari bo NSENGIYAREMYE Dismas Vice Président wa mbere, KARAMIRA Foroduwaridi Vice Président wa kabiri na MURENGO Donati umunyabanga mukuru wa MDR.
Ejo Ministre w'imari RUGENERA Mariko yagiranye ikiganiro n'abanyamakuru hamwe n'abahagarariye amasyndicats y'abakozi. Icyo kiganiro cyabereye muri Hôtel des Diplomates i Kigali. Bibanda ku bukungu bw'igihugu cyacu muri iki gihe bwifashe nabi. Mugenzi wacu HABIMANA Yohani Bosco yadukurikiraniye icyo kiganiro.

ORATEUR :HABIMANA Jean-Bosco

Ministre w'imari yatangaje ko muri iki gihe imari y'igihugu cyacu iri mu ngorane zikomeye cyane kuko mu nama intumwa za Gouvernement y'u Rwanda n'iza FPR zagiranye n'impuguke za Banki y'isi n'izo ikigega mpuzamahanga cy'imari i Washington mu mpera z'umwaka ushize basanze muri uyu mwaka w'igihumbi kimwe magana cyenda na mirongo cyenda na kane imari ya Leta y'u Rwanda ifite icyuho kingana na miliyari mirongo itanu n'ebyiri z'amafaranga y'u Rwanda, byongeye kandi kugeza ubu ntangengo y'imari y'uyu mwaka w'igihumbi kimwe magana cyenda iragenwa ndetse nta n'ibyo bita ibya cumi na kabiri cy'umwaka dufite muri uku kwezi kwa mutarama nk'uko bisanzwe bigenda iyo ibibazo by'ubukungu byageze mu mahina. Kubera izo mpamvu zose Ministre w'imari Bwana RUGENERA Mariko yasabye abanyapolitiki bose ko igihugu kitagombye guta igihe muri za politiki gusa nta n'uburyo gifite bwo kuzazikomeza.
Umuti we abona ni uko Inzego z'ubutegetsi bw'Inzibacyuho yaguye zajyaho vuba kuko ngo igihe zizaba zitarajyaho imirimo imwe n'imwe ya Leta ishobora kuzahagarara. Ngo Minisiteri y'imari izemera gusa gusohora amafaranga atangwa mu byo ubuzima, uburezi, kurinda

ubusugire bw'igihugu no kuyishyura imyenda turimo amahanga ngo atazatwishyuza n'atazigera aboneka twararinanyije. Arangije gutanga icyo kiganiro yagiranye n'abanyamakuru Ministre RUGENERA twaramwegereye atubwira impamvu.

ORATEUR :Marc RUGENERA

Uko ari gahunda twumvikanyeho na Banki y'isi yose n'Ikigega Mpuzamahanga cy'Imari mu byerekeye kuzamura ubukungu bw'igihugu cyacu. Intumwa z'u Rwanda zabonanye n'abo bantu zari zarumvikanye nabo ko bazaza ino aha ng'aha mu Rwanda ku itariki ya cumi na gatanu z'ukwezi kwa mbere kugira ngo dushobore kunonosora iyo gahunda tuyifatire n'ibyemezo cyane cyane ko kuva kw'itariki ya mbere z'ukwezi kwa kane ikigega mpuzamahanga cy'imari kizahindura imikorere yacyo iyo tariki rero ikaba ari itariki ntarengwa dossier y'igihugu cyacu igomba kwigwa n'inama y'ubuyobozi by'icyo kigo. Nibirenga iyo tariki tuzongera kugirana imishyikirano níbyo bigo byombi mu kwezi kwa cumi murumva rero ko byatujyana umwaka utaha. Imbere y'iyo tariki ya mbere z'ukwezi kwa kane byari biteganijwe ko inyandiko bashikiriza inama y'ubuyobozi bwabo yaba yateguwe ikarangira kw'itariki ya mbere y'ukwezi kwa gatatu. Ariko kugira ngo itegurwe burundu ni uko kw'itariki ya cumi na gatanu z'ukwezi kwa kabiri baba bakoranije ibihugu n'ibindi bigo mpuzamahanga byari bisanzwe bifasha u Rwanda kugira ngo buri wese avuge icyo azafashaho u Rwanda. None rero ni uko izo ntumwa zagombaga kuza kw'itariki ya cumi na gatanu z'ukwezi kwa mbere zari kuba zarangije imirimo yazo itariki ya mirongo itatu n'umwe z'ukwezi kwa mbere kugira ngo zishobore guteranya iyo nama ku itariki ya cumi na gatanu z'ukwa kabiri. Umuti nyawo ni uko vuba na bwangu hajyaho izo nzego kugira ngo igihugu cyumve kugira ubutegetsi bushyingiye ku mategeko, koko ubutegetsi bushobora gufata ibyemezo by'ukuzamura ubukungu. Ubutegetsi bushobora kongera kugirana imishyikirano n'izo nzego mpuzamahanga. Kuko ubu ng'ubu ubwabo barivugira bati tuzabivugana na nde, gahunda tuzemeza igihe tutizeye ko izashyirwa mu bikorwa cyane cyane ko abo twagombye kuvugana batariho.

ORATEUR :NSABIMANA Jean

Ministre RUGENERA yahumurije abakozi avuga ko uko biri kose Leta izagerageza uko ishoboye nibura bagahembwa ku kwezi n'ubwo ikibazo cy'ubukungu bw'u Rwanda kitareba abakozi gusa anasobanura zimwe mu mpamvu zatumye imishahara y'uku kwezi gushize itinda cyane cyane nk'iyo abarimu. Ministre yavuze ko byatewe n'imisoro n'amahoro amwe n'amwe atubutse yatinze kuboneka ndetse n'andi mafaranga menshi Leta yasohoye mu buryo butari bwarateganijwe. Mu gusubiza ikibazo cy'abakozi b'isandugu y'ukuzigama y'u Rwanda abanyamakuru bari bamubajije amaherezo yacyo yavuze ko Minisiteri ye ntako itagize ndetse na Leta muri rusange ahubwo ko hari aho abo bakozi bihemukiye kuko bari kuzabonerwa ibisubizo bikwiye kandi nta cyangiritse. Icyakora ngo icyo kibazo kiracyakomeza gusuzumwa.
Na none mu makuru yerekeye Rwanda ejo ku wa kane uwitwa Michel MUSALI Intumwa y'Umuyobozi Mukuru w'Ishami y'Umuryango w'Ababibumbye bita ku Mpunzi azagera i Kigali.
Umuyobozi Mukuru w'Ishami w'Umuryango w'Abibumbye wita ku Mpunzi Madame SADAKO Ogata yohereje uyo Michel MUSALI muri aka karere k'ibihugu byacu kubera ibibazo bitoroshe bihari byatewe n'Abarundi ibihumbi amagana n'amagana bahungiye muri aya mezi ashyize bahungiye muri ibi bihugu bihana imbibe n'icya...n'icyabo birimo u Rwanda. Michel MUSALIazafatanya n'abayobozi barebwa n'ibyo bibazo n'Intumwa z'Umuryango w'Abibumbye n'izo Umuryango w'Ubumwe bwa Afrika kugira ngo ibibazo byihariye by'impunzi z'Abarundi zibonerwe ibisubizo bikwiye byatuma izo mpunzi zitahuke zigasubira mu gihugu cyazo nta nkommyi. Intumwa y'Umuyobozi Mukuru w'Ishami w'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Mpunzi kandi izanakurikirira hafi ibyo itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'umugambi wo gukemura ibibazo by'impunzi z'Abanyarwanda zigomba nazo gutahuka nkuko biteganwa n'ibyemejwe n'abakuru b'ibihugu bo muri aka karere kacu ubwo bari mu mana i Dar es Salam muri Tanzaniya ku itariki ya cumi n'icyenda Gashyantare mu mwaka w'igihumbi kimwe na magana urwenda n'umwe basuzuma nyine ibyo impunzi z'Abanyarwanda. Bikaba

binateganwa mu masezerano ya Arusha Guverinoma y'u Rwanda yagiranye na FPR Inkotanyi ku itariki ya kane Kanama mu mwaka ushyize w'igihumbi kimwe magana urwenda mirongo icyenda n'itatu. Muri urwo rwego ishami ry'umuryango w'abibumbye ryita ku mpunzi hamwe n'umuryango w'ubumwe bw'Afrika rizategura itahuka ry'impunzi z'Abanyarwanda zigera hafi ku bihumbi magana atanu zizaturuka mu bihugu duturanye.

ORATEUR :

Mu rwego rwo gufasha abavandimwe bacu abri mu kaga Banki nationale y'u Rwanda imaze gushikiriza ababishinzwe imfashanyo ihwanye na miliyoni icumi z'amafaranga y'u Rwanda akaba yaragewe abavandimwe bacu b'Abarundi bahungiye mu Rwanda kuva mu minsi ishize. Iyo mfashanyo igizwe na toni mirongo inani z'ibishyimbo, toni mirongo itatu z'ifu y'amasaka, toni cumi n'eshanu z'umunyu, toni umunani n'igice z'isukari, amabesani igihumbi na magana abiri, indobo nazo igihumbi na magana abiri imbegeti n'amasafuriya ibihumbi bine na magana abiri.

ORATEUR :

Ya myigaragambyo y'abaturage bo muri komini Nshyorongi i Kigali yari yafunze umuhanda Kigali -Ruhengeri yaraye ihagaritswe n'abasirikare ku ngufu. Umuyobozi w'ingabo z'u Rwanda ziri mu birindiro muri ako karere yari yakoze ibishoboka byose ngo bagirane imishikarano n'abigaragambyaga bo baranangira abasaba ko bakwitoramo abantu babahagararira mu mishikirano kugira ngo ikibazo gikemurwe baranga noneho biba ngombwa ko afata icyemezo cyo gihagarika imyigaragambyo ku ngufu. Abasirikare rero baje ari benshi bakanga abaturage bigaragambyaga barasa mu kirere abaturage bava mu muhanda nta n'umwe ukomeretse. Umurambo wawa muturage wishwe eu... washingiwe ejo ni mugoroba, kuri ubu umuhanda rero Kigali Ruhengeri ni nyabagendwa. Hagati aho enquêtes zigamije gutahura abishe uwo muturage zirakomeje hari abasirikare babiri bamaze gutabwa muri yombi.

(Musique indicatives des journaux)

ORATEUR :

Bonjouret voici les titres de cette édition :
-Réunion extraordinaire hier du bureau politique du parti MDR. Le bureau politique a passé en revue la situation politique du pays.
- Conférence de presse hier du Ministre des finances Marc RUGENERA. Il a laissé entendre que le scénario budgétaire du Rwanda pour l'exercice quatre vingt quatorze dégage un déficit d'environ cinquante deux milliards de francs rwandais.
- L'envoyé spécial du Haut Commissaire de l'ONU pour les réfugiés est attendu demain à Kigali Monsieur Michel MUSALI suivra de près les problèmes des réfugiés burundais et de rapatriement des réfugiés rwandais.
-Et puis l'extrême droite Sud Afri...
(Indicatif)

ORATEUR :

Le bureau politique du parti MDR a tenu hier une réunion extraordinaire pour passer en revue la situation politique du pays particulièrement le retard enregistré dans la mise en place des institutions de la transition à base élargie. Voici quelques unes des décisions prises par le Bureau politique. Elles sont lues par le secrétaire exécutif du MDR le docteur Donat MUREGO.

ORATEUR : Donnat MUREGO

Le MDR réaffirme sa ferme volonté de participer activement aux institutions de transition dans le respect strict des accords de paix d'Arusha.

Le bureau politique du MDR affirme à cet égard que le retard dans la mise en place des institutions de la transition élargie ne peut pas être imputé au MDR car en ce qui le concerne le bureau politique du MDR a fait tout ce qu'il avait à faire en transmettant au Président de la République la liste des députés du MDR et au Premier Ministre désigné, la liste des ministres du MDR.

Le bureau politique du MDR regrettant que ni la liste des députés, ni sa liste des ministres n'ont été prises en considération et cela sans aucun motif valable, à reconfirmé les deux listes et a décidé de les retransmettre à leur destinataire.

Le bureau politique du MDR, soucieux de faire sortir le pays de l'impasse politique actuel, a décidé d'engager des pourparlers avec les signataires des accords de paix d'Arusha et les partis politiques pour traiter ensemble de la réponse appropriée à donner aux multiples problèmes qui retardent la mise en place des institutions de la transition.

ORATEUR :

Telles sont quelques unes des décisions prises par le bureau politique du MDR qui figure dans un communiqué de presse dont la lecture a été suivie immédiatement par les questions des journalistes. Ceux-ci ont voulu savoir si le corum des membres du bureau politique était atteint lors de cette réunion, la réponse était que le quorum était atteint puisque vingt neuf des quarante quatre membres du bureau politique y ont pris part. Notons que le corum est de vingt sept personnes. Les journalistes ont voulu savoir si le congrès national du MDR pourra se réunir ce mois ci comme prévu. La réponse est que ce congrès se réunira prochainement à une date qui sera fixée par le bureau politique. D'autres questions concernaient la nature des rapports que le MDR entretiendrait en ce moment avec d'autres forces politiques du pays. A ce sujet le MDR continuera à réaffirmer son indépendance et à nouer le dialogue avec les forces politiques éprise de paix et de démocratie. Cette conférence de presse a été animée par les membres du comité directeur du MDR à savoir Dismas NSENGIYAREMYE, premier Vice-Président , Froduald KARAMIRA, deuxième vice-Président et Donat MUREGO, Secrétaire exécutif.

Le ministre des finances Marc RUGENERA a tenu hier soir à l'Hôtel des Diplomates une conférence de presse sur la situation financière actuelle de notre pays. Dans cette conférence participaient également les représentants de certains syndicats des travailleurs. Le ministre des finances a précisé que le trésor public vit actuellement l'extrême gravité de sa situation. Se référant aux résultats de la rencontre qu'a eu à Washington la délégation rwandaise conjointe à celle du FPR avec les experts techniciens de la Banque Mondiale et du Fond Monétaire IntErnational, le scénario budgétaire du Rwanda pour l'exercice quatre-vingtquatorze dégage un déficit de prés de cinquante deux milliards de francs rwandais. Pire encore, nous n'avons pas, jusqu'à ce jour, voté ni le budget pour l'exercice de cette année ni le douxième provisoire comme le prévoit la constitution lors d'une situation financière dramatique telle que la nôtre c'est ainsi que le Ministre Rugenera a exhorté tous les politiciens que le Rwanda n'a ni les moyens ni le temps de se perdre à jouer la politique politicienne. Après cette conférence, il a précisé les engagements qu'avaient pris notre pays avec les institutions de Bretton Wood Marc RUGENERA.

ORATEUR :Marc RUGENERA

Nous avions de bonne foi pris certains engagements envers ces institutions pour avoir conclu définitivement un accord avant le premier Février quatre-vingt quatorze afin que le dossier de notre pays puisse être présenté au conseil d'administration du Fond monétaire international au plus tard le premier avril. Cette date est significative à plusieurs égards parce que à partir du premier avril le fond monétaire ne pourra plus faire bénéficier aux différents pays les facilités d'ajustement structurel tel que conçu jusqu'à maintenant. Cette révision des modes de travail du Fond monétaire Intérnational concerne tout le monde et le Rwanda également. Il faudraut donc qu'au plus tard le premier Mars la mission du Fond monétaire et de la Banque Mondiale ait préparé toute la documentation nécessaire à la décision du Conseil d'administration du Fond monétaire. Cette documentation ne peut être préparée que lorsque tous les bailleurs de fonds qui aident le Rwanda auront été réunis dans une table ronde pour savoir qui finance quoi, qui

s'engage à concurrence de tel montant. La réunion de ces bailleurs de fond était prévue pour le quinze février. En reculant encore une fois dans le temps il aurait fallu que au plus tard le premier février la mission qui était prévue pour venir le quinze jan.....

FIN DE LA FACE A

FACE B

ORATEUR :Marc RUGENERA

.....du premier avril dépassé cette date nous serons obligés de renégocier le tout à partir du premier octobre. Le pays n'a manifestement pas les moyens de tenir jusqu'au premier octobre, d'autant plus que il sera même difficile que l'on puisse atteindre cette échéance du premier avril étant donné les difficultés que nous avons déjà ressenti et que tout le monde comprend suite explications qui ont été données. Il est donc impératif que les institutions de transition à base élargie soient mises en place le plus rapidement possible afin que les décisions qui sont attendues de la part de ces institutions, de la part des différents autres bailleurs de fond soient prises. Il faudrait que ces institutions soient sûres d'être en face d'un gouvernement qui puisse effectivement décider et mettre en exécution les mesures qui auront été convenues. Il faut que ces institutions soient sûres de la détermination de la partie rwandaise à appliquer effectivement ces mesures pour qu'ils puissent nous venir en aide.

ORATEUR :Journaliste

Le ministre des finances a ajouté qu'en attendant que les institutions de transition à base élargie se mettent en place pour voter le budget de l'exercice quatre vingt quatorze,son mnistère ne pourra autoriser que les dépenses relatives au domaine de la santé, de l'éducation, de la sécurité et de la dette extérieure. Pour ce qui est du paiement des salaires le Ministère des finances usera

K0143213

de tous ses derniers moyens pour trouver à la riguer les salaires de ce mois de janvier.
Quant à la question des travailleurs de la Caisse d'épargne du Rwanda elle est toujours sous traitement afin qu'on trouve des solutions adéquates. Monsieur Michel MUSALI envoyé spécial du Haut Commissaire des Nations Unies pour les réfugiés nommé pour faire face aux problèmes urgents des réfugiés burundais arrivera à Kigali demain vingt janvier, Monsieur MUSALI de nationalité suisse, est un ancien directeur de la protection internationale du HCR. En envoyant monsieur MUSALI dans la sous région, le Haut Commisssaire des Nations Unies pour les réfugiés a voulu ainsi souligner l'importance qu'elle...qu'elle attache aux aspects humanitaires des problèmes causés par la crise dramatique que vient de vivre le Burundi et qu'a provoqué l'exode de centaines de milliers de réfugiés dans les pays voisins notamment au Rwanda.
Monsieur MUSALI entreprendra sa mission de coopératon étroite avec les autorités concernées et les représentants spéciaux du Secrétaire général des Nations Unies et de l'OUA en vue de trouver les solutions appropriées pour que les réfugiés burundais puissent regagner rapidement leur pays en toute sécurité. Monsieur MUSALI suivra également de près la préparation de la mise en oeuvre du plan d'action pour la recherche des solutions durables aux problèmes des réfugiés rwandais qui découlent de la déclaration régionale de Dar es Salam du dix-neuf février quatre- vingt onze et du protocole d'accord signé à Arusha le quatre août dernier entre le gouvernement rwandais et le Front patriotique rwandais grâce auquel le HCR et le OUA prépareront le rapatriement d'environ cinq cent mille réfugiés du Rwanda en provenance des pays voisins.
(Indicatif)

ORATEUR :Louise KAYIBANDA

Ministre w'intebe Madame UWILINGIYIMANA Agata uyu munsi yayoboye mu biro bye inama yahuje abahagarariye abahagarariye Guverinoma y'u Rwanda na FPR Inkotanyi inama yasuzumiwemo ikibazo cy'impunzi z'Abanyarwanda zatangiye gutahuka k'uburyo butunguranye n'icyo abajajwe n'intambara. Ikibazo cy'itahuka ry'impunzi z'Abanyarwanda kandi n'icyo

iz'Abarundi bahungiye ibibera iwabo mu bihugu bihana imbibe n'u Burundi birimo u Rwanda nicyo cyahagurukije Michel MUSALI intumwa y'Umuyobozi Mukuru w'Ishirahamwe ry'Umuryango w'Abibumbye wita ku Mpunzi uzagera i Kigali ejo.

Umujyi wa Kinshasa uyu munsi wiriwe ntabuzima ufite akazi kose.....

Inama y'umuryango .....

(Indicatif)

ORATEUR :Louise KAYIBANDA

Ministre w'intebe Madamu UWILINGIYIMANA Agata uyu munsi yayoboye mu biro bye inama yahuje abahagarariye Guverinoma y'u Rwanda na FPR Inkotanyi, inama yasuzumiwemo ikibazo cy'impunzi z'Abanyarwanda zatangiye gutahuka ku buryo butunguranye n'icy'abazahajwe n'intambara.

Iyo nama yari irimo kandi abahagarariye mu Rwanda Umuryango w'Abibumbye n'Ubumwe... n'Ubumwe bw'Afrika, abahagarariye Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Majyambere PNUD, n'iryita ku mpunzi HCR. Ku kibazo cy'impunzi z'Abanyarwanda zatangiye gutahuka ku buryo butunguranye abari mu nama basanze kukibonera umuti byihutirwa bitewe ahanini n'ibibazo bya politiki biri mu bihugu duhana imbibi byakiriye izo mpunzi. Uretse ibibazo bijyana no kuzakira bigombwa kwiga bihagije aba... abari bahagarariye imiryango mpuza mahanga muri iyo nama bagaragaje ko imiryango bahagarariye yiteguye gutera inkunga Guverinoma y'u Rwanda kugira ngo icyo kibazo kizashyirweho ku murongo w'ibizirwa mu nama izahuza Guverinoma y'u Rwanda n'abayitera inkunga, inama izasuzurirwamo ikibazo cy'ubukungu mu gihugu cyacu.

Iyo nama itegurwa ubu igamije gushyiraho ingamba zo gufasha igihugu cyacu mu gusana ibyangirijwe n'intambara. Ku kibazo cy'abazahajwe n'intambara Ministre w'intebe yabwiye abari mu nama ko cyagiyeho impaka na Guverinoma y'u Rwanda ibyemezo byagifatiwe bikaba bizashikirizwa Guverinoma y'Inzibacyuho yaguye kugira ngo nayo izagifatire umwanzuro udakuka. Abari muri iyo nama bifuje ko inzego z'ubutegetsi bw'Inzibacyuho yaguye zashyirwaho vuba kugira ngo ubutwererane Guverinoma y'u Rwanda igirana n'abanyemari

budakomeza kudindira.

ORATEUR :

Ejo ku wa kane uwitwa Michel MUSALI Intumwa y'Umuyobozi Mukuru w'Umuryango y'Ishami w'Abibumbye ryita ku Mpunzi azagera i Kigali. Umuyobozi mukuru w'Ishami ry'Umuryango w'abibumbye ryita ku mpunzi Madame SADAKO Ogata yohereje uyo Michel MUSALI muri aka karere k'ibihugu byacu kubera ibibazo bitoroshye bihari byatewe n'Abarundi ibihumbi n'ibihumbi magana n'amagana bahungiye muri aya mezi ashyize mu bihugu bihana imbibe n'icyabo birimo n'u Rwanda. Michel MUSALI azafatanya n'abayobozi barebwa n'ibyo bibazo n'intumwa z'umuryango w'abibumbye n'izo umuryango w'ubumwe bwa Afrika kugira ngo ibibazo byihariye by'impunzi z'Abarundi bibonerwe ibisubizo bikwiye byatuma izo mpunzi zitahuka zigasubira mu gihugu cyazo nta nkomyi. Intumwa y'umuryango mukuru w'ishami ry'umuryango....Intumwa y'Umuyobozi Mukuru w'Ishami ry'umuryango w'Abibumbye wita ku mpunzi kandi izanakurikiranirira hafi ibyo itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa byo gukemurira hafi ibibazo by'impunzi z'Abanyarwanda zigomba gutahuka nkuko biteganwa n'ibyemejwe n'abakuru b'ibihugu byo muri aka karere kacu ubwo bari mu nama i Dar es Salam muri Tanzaniya kw'itariki ya cumi n'icyenda Gasyantare mu mwaka w'igihumbi kimwe magana cyenda na mirongo cyenda na rimwe basuzuma ibyo impunzi z'Abanyarwanda.
Bikaba binateganwa mu masezerano ya Arusha. Guverinoma y'u Rwanda yagiranye na FPR Inkotanyi kw'itariki ya kane Kanama mu mwaka ushize igihumbi kimwe magana cyenda na mirongo cyenda na gatatu. Muri urwo rwego ishami ry'umuryango w'abibumbye ryita ku mpunzi hamwe n'umuryango w'ubumwe bwa Afrika bizategura itahuka ry'impunzi z'Abanyarwanda zigera hafi ku bihumbi magana atanu zizaturuka mu bihugu duturanye.

ORATEUR :Louise KAYIBANDA

Cassette n° 784 trancrite par U.R

Perezida wa MDR mu rwego rw'igihugu Fawusitini TWAGIRAMUNGU ejo yakoresheje inama y'abagize Bureau politique yabereye i Kigali muri Hôtel Méridien Umubano. Inama yasuzumye uko ishyaka MDR ryifashe muri ibi bihe n'ibibazo bya politique byugarije igihugu cyacu igera ku myanzuro ikurikira:

- Abagize Bureau politiki ya MDR bamaganye bakomeje umugambi ugayitse wa bamwe mu bayobozi ba MDR bashaka kuyobya abarwanashaka babashora mu birondo koko bateye... no kubajyana mu mashyaka adashaka ko ibintu bihinduka mu gihugu.

-Abagize Bureau politique ya MDR bongeye kwemeza ko ubumwe n'ubwiyunge bw'abarwanashaka ari ngombwa kugira ngo ishyaka rishobore kugera ku nshingano zaryo. Basabye kandi abarwanashaka gukomeza kwima amatwi ababashora mu macakubiribitwaje inama itemewe yo ku Kabusunzu. Abagize Bureau politique ya MDR bishimiye ko iryo shyaka ryatunganije ibyo risabwa byose mw'ishirwaho ry'Inteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho na Guverinoma y'Inzibacyuho yaguye basaba bakomeje ko itariki yo gushyiraho izo nzego yakubahirizwa nkuko yatangajwe na Perezida wa Repubulika ubwe kw'itariki cumi n'eshanu mutarama muri uwu mwaka.

ORATEUR :

Ishyaka RAMARWANDA rikomeje kumva amatangazo y'urudaca kandi iryo shaka rikomeje kubona ko ayo matangazo anyurana ya bamwe na bamwe mu banyapolitiki atagamije guharanira ubutegetsi bw'Inzibacyuho yaguye bushyingiye ku bwumvikane, ubwubahane n'ubusahane. N'ubusabane bwo soko y'amahoro azatuma amasezerano y'amahoro ya Arusha ayishyirwa mu bikorwa.

Ko ahubwo agamije ubutegetsi bushingiye ku nzika n'inzangano byo (inaudible) ya Démocratie mu gihugu cyacu iryo shyaka RAMARWANDA rirasaba Abanyapolitiki bose kutitwaza ubwoko rirasaba kandi abategetsi n'abayobozi b'amashyaka guharanira ko inzego z'ubutegetsi zajyaho mu mahoro ibikorwa n'imvugo bitera umwiryane mu Banyarwanda bikarandurwa burundu.

K0143217

ORATEUR :Louise KAYIBANDA

Lawurenti BIZIMANA we adufitiye amakuru yerekeranye n'ikibazo cy'ibiribwa muri gereza y'i Kibungo.

ORATEUR :Laurent BIZIMANA

Muri gereza ya Kibungo hari ikibazo gikomeye cy'ibiribwa. Uwari usanzwe agemurira iyo gereza ibishyimbo n'ifu y'ubugari ubu yarahagaze avuga ko muri stock ye ntabisigayemwo. Ubundi ibiryo byagemurwaga nyira ukubizana akazishyuza nyuma muri Minisiteri y'imari. Muri iki gihe rero ngo hashize igihe iyo Minisiteri itamukora mu ntoki ku buryo n'amafaranga ye yakoreshaga yageze aho agashira. Ubuyobozi bwa gereza rero ubu bufite ikibazo cy'ugusobanurira abagororwa impamvu z'ibura z'ibiribwa. Abagororwa nabo kuva ejo bafashe icyemezo cy'uko muri gereza ya Kibungo nta mugororwa mushya ugomba kwinjiramo. Abagororwa icyenda baje ejo ubu baracyari muri cachot ya Komini Birenga. Umuyobozi wa gereza ya Kibungo yatubwiye yuko ubu asigaranye ibiribwa bishobora kugeza gusa ku wa kane saa sita. Lawurenti BIZIMANA Orinfor i Kibungo.
(Indicatif)

ORATEUR :

Bonsoir d'abord les titres de l'édition une commission mixte FPR, Gouvernement Rwandais sera bientôt créé pour cerner le dossier relatif au retour spontané des réfugiés rwandais.
- Kinshasa la capitale zaïroise était aujourd'hui devenue ville morte à la suite d'un appel lancé par l'opposition radicale.
-L'occident se retire de la Somalie, l'ONU devrait prendre la relève avec des contingeants asiatiques et africains.
(Musique indicative)

Le gouvernement rwandais et le Front patriotique décident de créer une comission mixte chargée d'approfondir le dossier du retour spontané de cinq cent réfugiés rwandais. C'est une des conclusions d'une réunion dirigée ce mercredi à Kigali par le Premier Ministre Agathe UWILINGIYIMANA.

Des représentants de la MINUAR, de l'OUA, du PNUD et du HCR ont également participé à la réunion. Ces derniers se sont d'ailleurs déclarés prêts à appuyer le gouvernement rwandais pour que le dossier du retour spontané des réfugiés soit retenu à l'ordre du jour de la prochaine table ronde des bailleurs des fonds sur l'assistance humanitaire et la reconstruction.

Les problèmes des victimes de la guerre a été également soulevé au cours de la réunion.

Les participants à la réunion se sont cependant heurtés à la difficulté de ne pas être en mesure d'évaluer les besoins dans ce domaine. Le premier ministre a tout de même informé les participants que le Gouvernement s'est déjà penché sur le dossier. Les propositions du gouvernement à ce sujet seront présentés à l'équipe gouvernementale élargie au Front patriotique rwandais a précisé madame le Premier Ministre. Tous les problèmes éxaminés étant inscrits au programme du Gouvernement de transition à base élargie, la réunion a souhaité que les institutions de la grande transition soient mises en place le plus rapidement possible.

Le Haut Commissariat des Nations Unies aux réfugiés (HCR) s'engage à suivre de très près le dossier des réfugiés du Burundi et du Rwanda. C'est dans ce souci qu'un envoyé spécial du HCR arrive demain à Kigali. Michel MUSALI c'est le nom de l'envoyé spécial est nommé pour s'occuper du problème urgent des réfugiés burundais. Avec le concours des autorités concernées et des représentants spéciaux de l'ONU et de l'OUA, il s'employera à lever les obstacles au retour rapide des ressortissants burundais qui ont fui la crise dramatique que vient de vivre leur pays. Mais il suivra également de très près le dossier du rapatriement des réfugiés rwandais. Rapatriement prévue par l'accord de paix d'Arusha.

Le Bureau politique du MDR hier à l'Hôtel Méridien à Kigali. La réunion était présidée par le Président du parti, monsieur Faustin TWAGIRAMUNGU.Après examen de la situation du parti et de l'actualité politique rwandaise en général, la réunion a tiré quelques conclusions.Selon un communiqué signé par le Président du parti Faustin TWAGIRAMUNGU, les membres du

bureau politique ont condamné sans réserve le déviationisme flagrant de certains leadesr du MDR qui prêchent l'ethnisme et nouent des alliances avec des forces politiques hostiles au changement. Les membres du bureau politique du MDR, ajoute le communiqué, ont affirmé que leur parti doit s'engager résolument sur la voie de l'unité et de la réconciliation, cela afin d'atteindre ses objectifs. Pour ce faire, conseille la réunion, les membres du MDR doivent combattre (inaudible)ce que les participants appellent les.. ces divisionistes dui congrès de Kabusunzu dont les résolutions n'ont pas été revêtues du sceau de la légalité. Le communiqué indique enfin que les membres du Bureau politique se sont félicités de ce que le parti s'est déjà acquitté de toutes ses obligations en ce qui concerne la mise en place de l'Assemblée et du gouvernement de transition à base élargie. Ils ont demandé avec insistance que la mise en place de ces institutions intervienne dans le strict respect du calendrier annoncé par le Président de la République c'est à dire au plus tard demain vingt janvier.
Radio Rwanda émettant de Kigali la suite de l'actualité nationale avec Liliane MUSEMBURA.

ORATEUR :Liliane MUSEMBURA

Le parti RAMARWANDA fustige les politiciens qui basent leur politique sur la haine et la rencune.
Dans un communiqué signé par HAKIZIMANA André, Premier Secrétaire général du parti, le parti RAMARWANDA demande aux politiciens d'éviter l'ethnisme et de lutter paficiquement pour la mise en place des institutions de transition.
Les manifestations de la population de la commune Shyorongi qui avaient bloqué la route Kigali-Ruhengeri se sont terminées sans incident. Les manifestants avaient refusé toute négociation avec les autorités locales tant civiles que militaires et le commmandant de cette circonscrption militaire a été obligé de décider l'usage de la force pour rétablir l'ordre. Un seul coup de feu tiré en l'air a donc suffi pour convaincre les manifestants de dégager la route. La dépouille mortelle du paysan tué par les militaires a été inhumée hier dans la soirée. Entre temps les enquêtes se poursuivent pour découvrir les coupables. Deux militaires ont été arrêtés et se trouvent

K0143220

actuellement dans un .... sous interrogatoire.
(Indicatif)

ORATEUR :Non Identifié

Inama yasuzumye uko ishyaka MDR ryfashe muri ibi bihe n'ibibazo bya politique byugarije igihugu cyacu igera ku myanzuro ikurikira.
Abagize Bureau politique ya MDR ishyaka ry'umucyo bahamaganye bakomeje umugambi ugayitse bamwe mu bayobozi ba MDR bashyaka kuyobya abarwanashyaka babashora mu bironda koko. Bataretse no kubajyana mu mashyaka adashaka ko ibintu bihinduka mu gihugu.
Abagize Bureau politique ya MDR ishyaka ry'umucyo bongeye kwemeza ko umumwe n'ubwiyunge bw'abarwanashyaka ari ngombwa kugira ngo ishyaka rishobore gushika ku nshingano zayo. Basabye kandi abarwanashyaka gukomeza kwima amatwi ababashora mu macakubiri bitwaje inama ... yo ku Kabusunzu.
Abagize Bureau politique ya MDR ishyaka ry'umucyo bashimiye kandi abarwanashyaka baserukiye MDR muri iyi Guverinoma iriho ubu.
Abagize Bureau politique ya MDR ishyaka ry'umucyo bishimiye ko iryo shyaka ryatunganije ibyo risabwa rishaka byose mu (inaudible) inteko ishinga amategeko y'Inzibacyuho, ya Guverinoma y'Inzibacyuho yaguye basaba bakomeje ko itariki yo gushyiraho izo nzego yakubahirizwa nkuko yatangajwe na Perezida wa Repubulika ubwe kuwa cumi na gatanu Mutarama igihumbi kimwe magana cyenda na mirongo cyenda na kane. Iri tangazo ryashizweho umukono na Perezida wa MDR mu rwego rw'igihugu TWAGIRAMUNGU Fawusitini.

ORATEUR :

I Burundi NYANGOMA Lewonari yageze i Kigali muri uyu mugoroba nkuko tubivugirwa na mugenzi wacu Yuli NIZEYIMANA.

K0143221

ORATEUR : NIZEYIMANA Jules

Ku kibuga cy'indege mpuzamahanga Grégoire KAYIBANDA i Kanombe, Ministre ushinzwe abakozi ba Leta mu Burundi NYANGOMA Lewonari yakiriwe na mugenzi we w'u Rwanda Ministre MUGIRANEZA Prosper. Mu kiganiro bagiranye n'abanyamakuru ba Radiyo na Televisiyo y'u Rwanda akiva mu ndege Ministre NYANGOMA yatangaje ko ikimuzanye mu Rwanda ari ukuganira n'abategetsi b'igihugu cyacu bakarebera hamwe uko impunzi z'Abarundi ziri mu Rwanda zimerewe n'uburyo zatahuka.

ORATEUR : NYANGOMA Lewonari

Ikituzanye ngaha cane cane n'ukuganira n'abategetsi b'ino kugira ngo twihweze ingene Abarundi bahungiye muri iki gihugu cy'u Rwanda ingene botahuka bakagaruka iwabo twongere turabe n'ingene bamerewe turazi y'uko ino igihugu cy'u Rwanda cyagerageje kubyifatamo neza barageragеza kubakira uko babishoboye nk'abavandimwe. Ico rero nico cyatuzanye ino.

ORATEUR : NIZEYIMANA

Twamubajije kandi uko abaturage b'u Burundi bakiriye itorwa rya Perezida mushya Nyakubahwa Sipiriyani NTARYAMIRA uherutse gutorwa n'Abadepite akaba asimbuye Nyakwigendera Perezida NDADAYE Melichior. Twamubajije rero niba basanga noneho itorwa rye rizatuma ibintu bihinduka mu Burundi n'amaraso yakomeje kumeneka mu Burundi ntiyongere. Yatubwiye ko itorwa rye ryatangiye kugarura icyizere mu baturage.

ORATEUR :NYANGOMA Léonard

Itora ry'uwu mukuru w'igihugu mushyashya Nyakubahwa NTARYAMIRA Sipiriyano ee.. rizotuma hahinduka ibitari bike eu.. Kuko nkuko mubizi ibihugu byacu kandi si mu Burundi

gusa mu Rwanda n'ahandi, ingabo zitagira umutware (inaudible) urabona urugo ni nkuko babivuga mu kirundi igihe rudafite umugabo, rudafite umutegetsi eu.. ntirurema. Mukaba mubona y'uko abari babaye barasubirira umukuru w'igihugu yari Leta, Leta nayo ikaba igizwe n'abantu benshi ntihabe hariho umuntu bagira bati urabaza kanaka, urugo ruramutswa kanaka. Ibyo biribonekeza ndetse muri iyi minsi baheruka kumutora urabona y'uko, twovuga yuko mu Burundi ubu hariho agahenge, ata bwicanyi bukiriho cane, ubwicanyi bwagabanutse ibyo rero bikatwereka yuko hazogira igihinduka cyane cyane mu gusubira kugarukana amahoro mu Burundi muri iki gihe.

ORATEUR :NIZEYIMANA

Ku kibazo cyerekanye n'abantu baherutse gutera Ambassade y'u Rwanda mu Burundi Ministre NYANGOMA yasobanuye ko abo bantu babikoze bababaje Leta y'u Burundi kuko ubwo bari bateye Ambassade y'u Rwanda iri mu Burundi byari kimwe no gutera u Rwanda ariko ko abo bantu batari batumwe na Leta y'u Burundi iriho ahubwo ari abanzi badashaka ko Démocratie yashinga imizi mu Burundi. Ministre NYANGOMA yadusobanuriye icyo Leta y'u Burundi ubu irimo ikora kuri byo bikorwa bibi.

ORATEUR : NYANGOMA

Mugabo abo bantu mukaba muzi y'uko Leta yabatumye, Leta y'u Burundi bushyashya yashyizweho na NDADAYE Melchior si yo yabatumye. Hanyuma icyo twoba twarabakojeje abo twaragize enquête ku buryo benshi abazobyagira bazohanwa dukurikije ama... dukurikije amategeko.

ORATEUR : NIZEYIMANA

Ministre NYANGOMA yanatangaje kandi ko muri iyi minsi mu mpera z'iki cyumweru Perezida

K0143223

mushya uherutse gutorwa Sipiriyani NTARYAMIRA bitegekanijwe ko hazaba umuhango wo kumwegurira ubutegetsi ku mugaragaro. Ejo Ministre NYANGOMA biteganijwe ko azagendera inkambi z'impunzi z'Abarundi ziri mu Rwanda amaze kubonana n'abategetsi b'igihugu cyacu.

ORATEUR :

Perefe wa Perefegitura y'umujyi wa Kigali Colonel RENZAHO Tharcisse uyu munsi yagiranye inama n'inzego zirebwa n'ikibazo cy'umutekano mu makomini ya Nyarugenge na Kicukiro. Iyo nkuru turayibwiRwa n'ushinzwe ibiro by'akarere bya Perefegirura y'umujyi wa Kigali NSHIMYUMUREMYI Yohani Petero.

ORATEUR :NSHIMYUMUREMYI Jean-Pierre

Ari muri Komimi Nyarugenge ari no muri Komini Kicukiro inama yibanze ku ngingo ebyiri. Ibibazo bijyana n'umutekano, imikoranire ya za commisions zishinzwe umutekano n'ingabo za ONU ziri mu Rwanda mu rwego rwo kudufasha mu gushira mu bikorwa ibivuye mu masezerano y'amahoro ya Arusha. Ku bibazo bijyana n'umutekano hari ababa bakomeje kwibeshya ko ngo kuba ingabo za ONU zarasesekaye mu Rwanda ikibazo cy'umutekano kitakireba Abanyarwanda.
Aha Perefe RENZAHO yongeye kwibutsa ko umutekano w'Abaturage aribo mbere na mbere ureba ko kwirara bakawegurira ingabo za ONU gusa yaba atari kudashira mu gaciro. Komite z'umutekano mu masegiteri zikwiye gukomeza imirimo yazo, aho zavuye nzo zigasubizwaho kuko ubugizi bwa nabi bukiriho. Perefe RENZAHO yagarutse ku byerekeye kugabanya intwaro mu mujyi wa Kigali asobanura ko mu kagari gafite akamaro ka metero cumi uhereye mu mujyi rwagati intwaro zigombwa kugabanywa haba ku basiirikare, haba ku basivire baba bazitunze batabifitiye uburenganzira. Ku mikoranire y'inzego z'ubutegetsi abashinzwe kubahiriza umutekano n'ingabo za ONU Perefe RENZAHO yasobanuye ko iyo mukoranire yatangiye mu rwego rwa Perefegitura n'urwa Komini mu masegiteri naho hakaba hagiye

gutangira amabwiriza aryana n'iyo mikoranire. Hazabaho imibonano iziga uburyo inzego z'umutekano muri segiteri zakorana k'uburyo buzwi n'ingabo za ONU zizaba zikora amarondo(inaudible). Ikibazo cyo kumenya aho inzego z'umutekano zizajya zisanga ingabo za ONU igihe bibaye ngombwa ko iziyambaza. Perefe RENZAHO yavuze ko hazashyirwaho ahantu hazwi izo nzego zajya zihurira.

Ikibazo niba intwaro gakondo Umunyarwanda risanganiwe by'icumu n'umuheto nazo ziri mu mubare w'ibizamburwa ababizitunze Perefe RENZAHO yasobanuyeko bene izo ntwaro zizajya zamburwa abazaba bazigendana mu nzira gusa. Prefe RENZAHO yanamenyesheje abaturage ko hagiye gutangwa (Inaudible) nshya z'ugucumbika abagomba kuzihabwa bakitabira kuzishaka kugira ngo byohereze abashinzwe umutekano mu kazi kabo.

ORATEUR :

Ishyaka Ramarwanda rikomeje kumva amatangazo y'urudaca akomeje kunyurana ya bamwe mu banyapolitiki atagamije guharanira ubutegetsi bw'Inzibacyuho yaguye ishingiye ku bwumvikane, ubwubahane n'ubusabane byo soko y'amahoro azatuma amasezerano y'amahoro Arusha ashyirwa mu bikorwa aho bagamije ubutegetsi bushingiye ku nzika n'inzagano byo ... ya Démocratie mu gihugu cyacu iryo shyaka Ramarwanda rirasaba abanyapolitiki bose ku titwaza ubwoko, rirasaba kandi abategetsi n'abayobozi b'amashyaka guharaniira ko inzego z'ubutegetsi zajyaho mu mahoro ibikorwa n'imvugo bitera umwiryane mu Banyarwanda bikarandurwa burundu.

ORATEUR :

Lawurenti BIZIMANA adufitiye amakuru yerekeye ikibazo cy'ibiribwa muri gereza ya Kibungo.

ORATEUR :Laurent BIZIMANA

Cassette n° 784 trancrite par U.R

Muri gereza ya Kibungo hari ikibazo gikomeye cy'ibiribwa. Uwari usanzwe agemurira iyo gereza ibishyimbo n'ifu y'ubugari ubu yarahagaze avuga ko muri stock ye ntabisigayemwo. Ubundi ibiryo byagemurwaga nyira ukubizana akazishyuza nyuma muri Minisiteri y'imari. Muri iki gihe rero ngo hashize igihe iyo Minisiteri itamukora mu ntoki ku buryo n'amafaranga ye yakoreshaga yageze aho agashira. Ubuyobozi bwa gereza rero ubu bufite ikibazo cy'ugusobanurira abagororwa impamvu z'ibura z'ibiribwa. Abagororwa nabo kuva ejo bafashe icyemezo cy'uko muri gereza ya Kibungo nta mugororwa mushya ugomba kwinjiramo. Abagororwa icyenda baje ejo ubu baracyari muri cachot ya Komini Birenga. Umuyobozi wa gereza ya Kibungo yatubwiye yuko ubu asigaranye ibiribwa bishobora kugeza gusa ku wa kane saa sita. Lawurenti BIZIMANA Orinfor i Kibungo.
(Indicatif)

ORATEUR :

Mwaramutseho ni umwanya w'amakuru y'Ikinyarwanda yo muri iki gitondo tariki ya makumyabiri Mutarama amakuru ari bwibande kuri izi ngigo z'ingenzi:
-Perefe wa Perefegitura w'umujyi wa Kigali Colonel RENZAHO Tharcisse yagiranye inama n'inzego zirebwa n'ikibazo cy'umutekano mu makomini ya Nyarugenge na Kicukiro.
-Ministre ushinzwe abakozi ba Leta mu Burundi NYANGOMA Leonaridi yageze i Kigali kuri uyu mugoroba n'intumwa ayoboye.
-Imishyikirano hagati ya Guverinoma n'ishy... ya Guverinoma muri Afrika y'epfo y'ishyaka ANC n'iryo abazungu ritsimbaraye ku ivangura ry'amoko muri Afrika y'epfo yaraye itangiye ikaba igenda neza.
(Indicatif)
Mbere na mbere amakuru y'u Rwanda yavurwaga mu gihugu cyacu ni mugoroba Ministre w'intebe Madamu UWILINGIYIMANA Agata ejo yayoboye mu biro bye inama yahuje abahagarariye Guverinoma y'u Rwanda na FPR Inkotanyi, inama yasuzumiwemo ikibazo cy'impunzi b'Abanyarwanda zatangiye gutahuka ku buryo butunguranye n'icy'abazahajwe

K0143226

n'intambara.

Iyo nama yari irimo kandi abahagarariye mu Rwanda Umuryango w'Abibumbye n'ubumwe bw'Afrika, abahagarariye ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku majyambere PNUD, n'iryita ku mpunzi HCR. Ku kibazo cy'impunzi z'Abanyarwanda zatangiye gutahuka ku buryo butunguranye abari mu nama basanze kukibonera umuti byihutirwa bitewe ahanini n'ibibazo bya politiki biri mu gihugu cyacu n'ibyi bihugu duhana imbibi byari byarakiriye izo mpunzi. Uretse ibibazo bijyana no kuzakira bigombwa kwiga bihagije aba... abari bahagarariye imiryango mpuza mahanga muri iyo nama bagaragaje ko imiryango bahagarariye yiteguye gutera inkunga Guverinoma y'u Rwanda kugira ngo icyo kibazo kizashyirweho ku murongo w'ibibazo byihutirwa maze mu nama izahuza Guverinoma y'u Rwanda n'abayitera inkunga, iyo nama izasuzurirwamo ikibazo cy'ubukungu zizabone uko zitahuka.

Ministre ushinzwe abakozi ba Leta mu Burundi NYANGOMA Leonaridi yaraye ageze i Kigali kuri uyu mugoroba hamwe n'intumwa ayoboye turabibwigwa na mugenzi wacu Yuli NZEYIMANA:

ORATEUR :Yuli NIZEYIMANA

Ku kibuga cy'indege mpuzamahanga Grégoire KAYIBANDA i Kanombe Ministre ushinzwe abakozi ba Leta mu Burundi NYANGOMA Lewonari yakiriwe na mugenzi we w'u Rwanda Ministre MUGIRANEZA Prosper. Mu kiganiro bagiranye n'abanyamakuru ba Radiyo na Televisiyo y'u Rwanda akiva mu ndege Ministre NYANGOMA yatangaje ko ikimuzanye mu Rwanda ari ukuganira n'abategetsi b'igihugu cyacu bakarebera hamwe uko impunzi z'Abarundi ziri mu Rwanda zimerewe n'uburyo zatahuka.

ORATEUR : NYANGOMA Lewonari

Ikituzanye ngaha cane cane n'ukuganira n'abategetsi b'ino kugira ngo twihweze ingene abo Barundi bahungiye muri iki gihugu cy'u Rwanda ingene botahuka bakagaruka iwabo twongere

turabe n'ingene bamerewe turazi y'uko ino igihugu cy'u Rwanda cyagerageje kubyifatamo neza barageregeza kubakira uko babishoboye nk'abavandimwe. Icyo rero nico cyatuzanye ino.

ORATEUR :NIZEYIMANA

Twamubajije kandi uko abaturage b'u Burundi bakiriye itorwa rya Perezida mushya Nyakubahwa Sipiriyani NTARYAMIRA uherutse gutorwa n'Abadepite akaba asimbuye Nyakwigendera Perezida NDADAYE Melichior. Twamubajije rero niba basanga noneho itorwa rye rizatuma ibintu bihinduka mu Burundi n'amaraso yakomeje kumeneka mu Burundi ntiyongere. Yatubwiye ko itorwa rye ryatangiye kugarura icyizere mu baturage.

ORATEUR :NYANGOMA Léonard

Itora ry'uwu mukuru w'igihugu mushyashya Nyakubahwa NTARYAMIRA Sipiriyano ee.. rizotuma hahinduka ibitari bike eu.. Kuko nkuko mubizi ibihugu byacu kandi si mu Burundi gusa mu Rwanda n'ahandi, ingabo zitagira umutware (inaudible) urabona urugo nuko babivuga mu kirundi igihe rudafite umugabo, rudafite umutegetsi eu.. ntirurema. Mukaba mubona y'uko abari babaye barasubirira umukuru w'igihugu yari Leta, Leta nayo ikaba igizwe n'abantu benshi ntihabe hariho umuntu bagira bati urabaza kanaka, urugo ruramutswa kanaka. Ibyo biribonekeza ndetse muri iyi minsi baheruka kumutora urabona y'uko, twovuga yuko mu Burundi ubu hariho agahengwe, ata bwicanyi bukiriho cane, ubwicanyi bwagabanutse ibyo rero bikatwereka yuko hazogira igihinduka cyane cyane mu gusubira kugarukana amahoro mu Burundi muri iki gihe.

ORATEUR :NIZEYIMANA

Ku kibazo cyerekanye n'abantu baherutse gutera Ambassade y'u Rwanda mu Burundi Ministre NYANGOMA yasobanuye ko abo bantu babikoze bababaje Leta y'u Burundi kuko ubwo bari bateye Ambassade y'u Rwanda iri mu Burundi byari kimwe no gutera u Rwanda ariko ko abo

bantu batari batumwe na Leta y'u Burundi iriho ahubwo ari abanzi badashaka ko Démocratie yashinga imizi mu Burundi. Ministre NYANGOMA yadusobanuriye icyo Leta y'u Burundi ubu irimo ikora kuri byo bikorwa bibi.

ORATEUR : NYANGOMA

Mugabo abo bantu mukaba muzi y'uko Leta yabatumye, Leta y'u Burundi bushyashya yashyizweho na NDADAYE Melchior si yo yabatumye. Hanyuma icyo twoba twarabakojeje abo twaragize enquête ku buryo benshi abazobyagira bazohanwa hakurikije ama... hakurikije amategeko.

ORATEUR :NIZEYIMANA

Ministre NYANGOMA yanatangaje kandi ko muri iyi minsi.....

FIN DE LA FACE B.

Cassette n° 784 trancrite par U.R